

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI  
W'INTEBE, BWANA BERNARD MAKUZA, MU  
MUHANGO WO KWIZIHIZA ISABUKURU  
Y'IMYAKA 5 RAMA IMAZE ISHINZWE.**

**(Kigali, ku wa 21/03/2006)**

**Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga,**

**Ba Nyakubahwa Mugize Guverinoma ,**

**Ba Nyakubahwa mugize Inteko  
Ishinga Amategeko, Imitwe yombi,**

**Ba Nyakubahwa muhagarariye ibihugu n’Imiryango Mpuzamahanga,**

**Ba Nyakubahwa mugize Inama  
y’Ubutegetsi ya RAMA namwe**

**Batumirwa mwaje kwizihiza ibi birori,**

**Banyamuryango, Bakozi ba RAMA,**

**Banayarwandakazi, Banyarwanda,**

Kuri iyi tariki twizihizaho

**isabukuru y’imyaka itanu**

ikigo cy’ubwishingizi bw’indwara **RAMA** kimaze gishinzwe, Nishimiye,  
kubagezaho **indamutso n’ishimwe** bya Nyakubahwa Perezida wa  
Repubulika, kimwe no kubifuriza mwese umunsi mwiza.

Ngirango mumfashe dushimire Inama y’Ubutegetsi n’Ubuyobozi bwa RAMA  
butashatse kuwiharerana.

Ubusanzwe tumenyereye isabukuru z’imyaka itanu incuro ebyiri, enye,  
eshanu, icumi,

ariko uyu munsi wo **kwishimira**

**ibikorwa** iki kigo kimaze kugeraho uratwereka ko **igikuru atari ubwinshi  
bw’imyaka**, ahubwo ari ibikorwa byagezweho, kandi ko iyo bibaye mu gihe  
gito biba ari akarusho.

Ibi biri mu murongo w’ibyo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ahora  
adushishikariza **bijyanye n’umwete n’umuvuduko** bigomba kuturanga

cyangwa tugomba kugira  
kugirango tugere ku iterambere twifuza.

Ntawe uyobewe ko mu nzira y'iterambere,  
aho tujya ari kure kandi ko twarakererewe; nti tugomba **kwishinga abafite**  
**aho bageze**, cyangwa ngo turebere ku bananiwe bataragera iyo bajya.

Ariko burya koko

ikibazo ni ukutamenya iyo ujya,

icyo ushaka cyangwa n'aho uri.

Iyo ubizi, uteganya uburyo bwo kuhagera, ukishakamo uburyo n'ingufu  
cyangwa aho wabikura. Ibyo nibyo igenamigambi.

Icyo ni nacyo twagerageje gushyiraho

no kwiyezwe nk'abanyarwanda

muri Gahunda rusange y'igihugu mu cyerekezo 2020.

Nkaba ngirango nshimire RAMA

n'Ubuyobozi bwayo kubera ko iri muri uwo murongo: mu gihe cy'imyaka

itanu, ifite **ibikorwa bigaragara yagejeje ku banyamuryango** kandi ikaba  
inabateganiriza ibirenzeho mu minsi iri imbere.

Nkaba kandi ntabura kuvuga ko ari n'urugero rwiza n'abandi bakwiye

kureberaho, baba abashinzwe **ibigo byaba ibya Leta** cyangwa **ibitari ibya**

**Leta**, ndetse n'**amashyirahamwe** cyangwa **abikorera ku giti cyabo**.

RAMA yaje hari abayifiteho ikibazo ariko ari igisubizo ku kibazo cy'ingutu  
cyo gufasha abakozi hashyirwaho uburyo n'ubushobozi bwo kwivuza. Ibyo  
yashingiyeho si ibanga rindi, ni ibintu bibiri:

Icyamba mbere ni **uguteganya**

Icyamba kabiri ni **ukwisungana**.

Mu bibazo binyuraye igihugu gihura nabyo, ndahamya ko guteganya no kwisungana

ari inkingi zikomeye dukwiye kwubakiraho ibisubizo nyabyo.

Guverinoma ikaba ikomeje gushyiraho ingamba zifasha abanyarwanda guhuriza hamwe imbaraga zabo,

bagakorera mu mashyirahamwe, kandi bakagira intego zireba kure, zireba ejo hazaza.

Bityo umugani w’abasokuruza bacu ukaba impamo ko:

**“Akabando k’iminsi gacibwa kare, kakabikwa kure”.**

Nkaba rero mboneyeho umwanya

wo **gushimira** byimazeyo

**inzego z’ingeri zose**

zagize uruhare muri uwo musaruro

wavuye mu migendekere myiza

y’ubwishingizi bw’abakozi,

kuva mu itangira ryab**wo** kugeza ubu

By’umwihariko, ndashimira cyane cyane Inzego z’ubuyobozi za RAMA

n’abakozi bayo n’izindi nzego zafatanije nabo nk’abavuzi n’abacuruza imiti.

Ndagira ngo kandi ngeze

ku **banyamuryango ba RAMA** aho bari hose, baba abakozi cyangwa abakoresha, ubutumwa bwo kubashima kuko,

n’ubwo **benshi babanje gutseta ibirenge**, (babaye nka babandi

banga kwemera batabonye),

ubu bose bishimiye iyi gahunda

kandi uruhare rwabo rukaba ari ndasimburwa.

Ubu baba abakoresha bavuzaga abakozi babo bagatanga byinshi, baba aho abakozi batavuzwaga bakirwanaho ku giti cyabo, ntawe utabona inyungu zo kuba muri RAMA.

**Ba Nyakubahwa Banyacyubahiro, Batumirwa bahire,  
muteraniye hano,**

Dukunze gusubiramo kenshi

ko **ubukungu bw'ibanze** igihugu cyacu gifite ari abanyarwanda ubwabo.

Ngira ngo kandi nta n'umwe uyobewe ko

**ikibazo cy'ubuzima gifite ingaruka** ikomeye ku bukungu, bwaba  
ubw'igihugu,

bwaba se mu muryango

cyangwa se umuntu ku giti cye.

Ibyaba byiza ni intego dufite kandi twifuza kugeraho ni ukubona

**abanyarwanda bose cyangwa benshi** bakora imirimo yabo bafite ubuzima  
bwiza, kandi rero bagakora nta nkomyi cyangwa inkeke yo kwibaza ngo ejo  
narwara cyangwa uwanjye (akarwara) nabigenza nte ?

Tugomba guhora tuzirikana ko kugira ngo

uwo mutungo ubungabungwe, ugire agaciro **kandi** ubashe koko kuba  
ishingiro ry'ubukungu, buri munyarwanda agomba kujijuka bihagije,  
akagira ubuzima bwiza,

ari nabyo biganisha

mu ukumenya kwirinda indwara igihe cyose bishoboka kandi yarwara  
akabasha kwivuza.

Birababaje rero kubona hari abantu basinzakazwa cyangwa bahitanwa  
n'indwara batabashije nibura kugera kwa muganga  
ngo nawe abanze ashyireho ake.

Iyo hari umunyarwanda urwaye,

aba ari imbaraga zibuze

mu zagombaga kwubaka igihugu.

**Ba Nyakubahwa**

**muteraniye hano,**

**Banyarwandakazi,**

**Banyarwanda,**

Nk'uko nigeze kubikomozaho,

Politiki y'igihugu muri gahunda yayo y'ikerekezo cya 2020

ishyigikiye ko buri munyarwanda

yagira ubwishingizi bw'indwara,

ibyo bikazatuma buri wese mu kazi akora kamubeshejeho we n'umuryango we

babasha gutanga umusaruro mwiza.

Kuba RAMA yaraje ari igisubizo

ku bakozi ba Leta

ndetse n'abakorera mu bigo byigenga

kugira ngo mu guhuriza ingufu zabo hamwe **biyegeranyiriza imisanzu,**

bibafashe gukemura ikibazo cyo kwivuza

bo n'imiryango yabo

ni intambwe nziza ikwiye gushimwa.

Uko ni ko Ubwishingizi bushya MMI

(Military Medical Insurance)

bugenewe Ingabo z'Igihugu bwavutse.

Nyuma ya RAMA yita cyane ku bakozi bakorerera umushahara wa buri kwezi, hatangijwe mu gihugu cyose

**Ubwisungane mu kwivuza**

**(Mutuelles de santé).**

Turifuza ko "mutuelles de santé"

izaba igisubizo ku banyarwanda bose.

Ndagirango muri wa muco mwiza w'ubwisungane, RAMA nayo

izafashe za « mutuelles de santé »  
cyane cyane mu biyanye no guteza imbere imitunganirize n’imicungire  
y’ubwishingizi.

Mu gihe tugezemo,  
Umunyarwanda wese aho ari,  
akwiye kwiyumvisha ko kwitabira ibyo bikorwa ari ku nyungu ze bwite,  
by’umwihariko ariko bikabano gushyigikira  
amajyambere rusange y’urwamubyaye.

Icyiza rero cy’ubwisungane, ni uko mu by’ukuri bidasaba kugira ibya  
mirenge, bisaba gusa gushishoza, kureba kure no kwigomwa duke ku two  
ufite.

**Urebye ndetse,** n’ubwo kwiteganyiriza bireba  
uwo ari we wese, wasanga umukene, wawundi ufite duke, ari we wari  
ukwiye kwizigamira yisungana n’abandi kuko ari nawe uba ukenye abandi  
ndetse ufite wenda  
icyizere gicye cy’ejo hazaza kurusha  
ufite byinshi.  
Mboneyeho gusaba inzego zose, by’umwihariko ngasaba ababisobanukiwe  
kurusha abandi,  
**gukomeza gusobanurira abanyarwanda ibyiza n’inyungu z’izi gahunda  
z’ubwisungane,**  
ndetse niba hari n’ibindi bitekerezo  
byatuma gahunda y’ubwisungane mu buvuzi irushaho kunogera bose,  
nibitangwe.

Ndasaba kandi ibigo n’imishinga bya Leta bitaraza muri RAMA  
ko byabikora bidatinze

kuko nta mpamvu yo kwitarura iyi gahunda ndetse nta n'uburenganzira babifitiye kuko Leta ari imwe.

Mu bwisungane, ntawe ukwiye gusigara inyuma kuko ubwinshi bw'abitabiriye iyo gahunda, butuma ubushobozi bwiyongera, bityo n'ibikorwa bikarushaho kunogera abo bigenewe.

RAMA rero ikaba nayo isabwa,  
nk'ikigo kimaze kugira inararibonye  
muri ubu bwishingizi bw'indwara,  
ko yafasha mu buryo bw'ibitekerezo izo gahunda zindi zose zigenda zivuka kugira ngo na zo zibashe kwiyubaka.

Ibyo Leta y'u Rwanda ikaba yarabitekerejeho  
kuko ubu hari gutegurwa  
uburyo bwo gushyira mu bikorwa  
igitekerezo cyo gushinga Urugaga  
rwa gahunda zose z'Ubwishingizi mu kwivuza zikaba zahuzwa, ku buryo rwazaba ari urubuga izo gahunda zose zihuriramo zikajya inama zo kurushaho kugirira Umunyarwanda akamaro, cyane mu birebana no kubungabunga ubuzima bwe.

Niyo mpamvu,  
hari ibintu dusanga  
gahunda z'ubwishingizi mu buvuzi  
zigomba gutekerezaho no gushakira inzira kugirango zirusheho guha icyizere gisesuye abazigana:

1. Ni wa munyarwanda wari uri mu bwishingizi bw'indwara, bishingiye kuko hari akazi akora, agatanga umusanzu agishoboye,

ariko igihe kikaza kugera  
hakaba impamvu ituma agatakaza,  
byaba ko agiye mu kiruhuko cy'izabukuru, asezerewe se cyangwa  
amugaye, n'ibindi birimo ndetse n'urupfu rw'uwari usanzwe afite  
ubwishingizi ku birebana n'umuryango mu buryo burambye.

2. Mu gihe kandi igihugu cyose cyahagurukiye byimazeyo kurwanya  
icyorezo cya SIDA, haba mu buryo bwo kucyirinda cyangwa kwita  
ku banduye, izo gahunda z'ubwisungane cyangwa se ubwishingizi  
magirirane sizo zari zikwiye gusigara inyuma, ahubwo zikwiye  
guhaguruka , ejo, ejo bundi zikajya mu rubuga rw'abageza ku  
banyamuryango bazo imiti **nyirizina** igabanya ubukana bw'icyo  
cyorezo ntibigarukire gusa ku ndwara z'ibyuririzi.

Nkaba nagira ngo nsoze iri jambo  
nongera kwifuriza isabukuru nziza RAMA  
no gukomeza kujya mbere mu migambi ifite  
mu nyungu z'abanyamuryango bayo bose kandi nyizeza inkunga ya Leta  
bityo igakomeza gutanga umusanzu wayo no kugira uruhare muri gahunda  
zimakaza muri rusange umuco wo **kuzigama** ujyana n'**ubwishingizi** no  
**kwitaganiriza**.

***Mbifurije umugisha w'Imana***

***Mugire Umunsi mwiza***